**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA NYAMASHEKE**

**Ref N⁰ ...2520.../03.07/2024** **Nyamasheke ku wa ...29/NOV/2024**

# ITANGAZO

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamasheke aramenyesha Abanyeshuri bose barangije umwaka wa 6 w' amashuri yisumbuye mu mwaka w' amashuri wa 2023-2024 ko hari Urugerero rudaciye ingando bagomba kwitabira.

Uko gahunda iteye:

1. Urugerero ruzabanzirizwa n' Itorero rizatangira kuwa 26 Ukuboza 2024 risoze kuwa 31 Ukuboza 2024. Iri torero rizabera mu Karere ka Nyamasheke ku masite bazamenyeshwa mu minsi iri imbere;
2. Hazaba urugerero rudaciye ingando ruzatangira kuwa 13 Mutarama 2025 kugeza kuwa 28 Gashyantare 2025, rubere mu tugari aba banyeshuri batuyemo.
3. Hari inama izahuza Abanyeshuri bose basoje amashuri yisumbuye mu mwaka w' amashuri wa 2023-2024 ku biro by' umurenge Abanyeshuri batuyemo kuwa kane 05 Ukuboza 2024 saa tatu za mugitono (09:00am).

Ni muri urwo rwego, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamasheke asaba Abanyeshuri bose barangije umwaka wa 6 w' amashuri yisumbuye kwihutira kujya kwiyandikisha buri wese ku biro by' Umurenge atuyemo.

Nyamasheke kuwa 29/11/2024.

AKARERE KA NYAMASHEKE

**MUPENZI Narcisse**
Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke.